REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DES AFFAIRES SOCIALES
ET DU MOUVEMENT COOPERATIF.-

Kigali, le 12.SEP.1980.
N°17/01/1522/80

A traiter par Kanyarukiko
Date entrée : 16/9/1980
N° Classement : 7633/17-04

VOT 26.9.80

20/9/80

Au Ministre 18/09/80

Son Excellence Monsieur le Président
de la République Rwandaise
KIGALI

Cellule

Excellence Monsieur le Président,

J'ai l'honneur de faire parvenir à Votre Excellence le compte-rendu des réunions de la Cellule du Ministère des Affaires Sociales et du Mouvement Coopératif dont l'objet était: la réorganisation de l'Umuganda.

Je Vous en souhaite bonne réception et Vous prie d'agréer, Excellence Monsieur le Président, l'expression de ma plus haute considération.

Le Ministre des Affaires Sociales
et du Mouvement Coopératif
Dr.NTABOMVURA Venant.-

MINISTERE DES AFFAIRES SOCIALES ET DU MOUVEMENT COOPERATIF

Copie pour information à :
- Monsieur le Secrétaire Général du M.R.N.D.
KIGALI
- Monsieur le Ministre (TOUS) MIJEUNESPORTS
KIGALI

## INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YA CELLULE IMPALIRWAKURUSHA (MINASOCOOP) YATERANIYE KU KACYIRU KU ITALIKI YA 29 KANAMA 1980.-

IMPAMVU :Gufata umwanzuro ku kibazo cy'UMUGANDA.

Inama yatangiye saa munani n'igice iyobowe na Nyakubahwa Dr.NTABOMVURA Venanti, Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative, akaba ali na we Prezida wa Cellule IMPALIRWAKURUSHA (MINASOCOOP).

Mbere yo gusaba abateraniye mu nama gutanga ibitekerezo by'umwanzuro ku kibazo cy'Umuganda, Umuyobozi w'inama yabanje kwibutsa abayiteraniyemo ingingo z'ingenzi zagaragajwe n'inama ya cellule yabaye ku italiki ya 30 Nyakanga 1980 hamwe na raporo y'ibyakozwe na Komisiyo yashyiliweho kwiga ikibazo cy'Umuganda ibifashijwemo n'abakuru b'imilimo hamwe na Komite ya Cellule.

### I INGINGO ZATANZWE N'INAMA YA CELLULE YAKOREWE I KIGALI MU ISHULI LY'ABAGANGA KU ITALIKI YA 30 NYAKANGA 1980.-

Mbere y'uko abateraniye muli iyi nama batanga ibitekerezo byabo ku kibazo cy'Umuganda, Prezida w'Inama yabanje kubibutsa ko mu mabwiliza ya M.R.N.D. gukora umuganda ali itegeko kuli bose. Yungamo avuga ko abayobozi bagomba kubera urugero abo bayobora kandi ko abategarugoli bakwiye kubonerwa imilimo ikwiranye n'ingufu zabo (urugero gusasira ikawa).

Umuyobozi w'inama yakomeje agira ati: "Mu nama ya Leta y'ubushize basabye ko buli Cellule yakwiga ikibazo cy'Umuganda, ikagaragaza uko wakorwa.

Mu makomini abaturage bawukora bose, umugabo, umugore n'abana bakuru kandi ntibawuhemberwa, aliko abakozi ba Leta bo ni ba babura baje. Umuganda ntibawukora neza n'akazi k'ibiro katakozwe kandi uwo munsi bakawuhemberwa banakoresha amasuka n'imodoka bya Leta. Abandi bakanawunegura ngo nta planification yawo".

Nyuma y'ijambo ly'Umuyobozi w'inama hakulikiyeho ibitekerezo byatanzwe na ba militante na ba militant ba cellule yacu ku kibazo cy'Umuganda :

1°-Imilimo ikwiranye n'ingufu z'abategarugoli ikwiye no guteganilizwa n'abandi badafite imbaraga zo gukora imilimo ikomeye, abo ni nk'abakozi bafite ibyemezo bitangwa na muganga bibaha uburenganzira bwo gukora imilimo yoroheje gusa.

.../...

2°- Abenshi mu bali muli iyi nama bashyigikiye icyifuzo cy'uko abategetsi bo hejuru bakwiye kuba intangarugero mu kwubahiliza Umuganda, ntube uwa rubanda rugufi gusa cyangwa se ngo bitume twumva ko tuwukorera agahato.

Très juste.

3°- Kubera ko umugani twasigiwe n'abakurambere bacu utubwira ngo: "Agahimbaza umusyi kava mu ngasire", hasabwe ko abamilitante n'abamilitant bajya bamenyeshwa umusaruro w'umuganda bakoze hamwe n'imikoresherezwe yawo, ibyo bigatuma bongera umurava bafitiye imilimo y'Umuganda kuko iyo twitegereje mu makomini dusanga abaturage bashishikaliye ibikorwa by'Umuganda kubera ko bihita bibagaragaliza akamaro bibafitiye: nko kwivuliza muli dispensaire cyangwa Centre de santé bujuje, kwigira mu kigo gitsura amajyambere biyujulije, kubona abana babo bigira mu ishuli lyubatswe n'Umuganda, n'ibindi.

4°- Dukulikije ko tubona abaturage bo mu makomini bumvise umuganda kandi bakaba bawukorana umurava, byali bikwiye ko hakwigwa ubulyo ibyo bikorwa byabo byabagabaniliza indi misanzu batanga nk'amafranga batanga mu iyubaka ly'amashuli, Centre de Santé n'ibindi; ndetse byashoboka n'umusoro wa 400 Frw. ya buli mwaka ukaba wagabanywa kuko umuturage aba yakoresheje isuka ye bwite naho abakozi ba Leta bakaba bakoresha ibikoresho n'imodoka bya Leta.

5°- Ku byerekeye Planification y'Umuganda, mbere y'uko igikorwa kimwe kirangira hagombaga kuba harateganijwe ikizakulikiraho.

6°- Umuganda ureshyeshya abakozi n'abaturage ku milimo y'amaboko wagombaga no kuzakemura ibibazo bimwe na bimwe bishingiye ku busumbane bw'abantu (Problème des inégalités sociales créées par les structures socio-économiques actuelles).

??

7°- Ku gitekerezo cyerekeye <u>encadrement</u> y'Umuganda, birakwiye ko abakuru b'imilimo (les chefs de service) baba ali bo babikora. Igihe batabonetse Komite ya Cellule ikitoramo umwe, akawuyobora.

.../...

8°- Abafite uburenganzira bwo kudakora Umuganda bushingiye ku byemezo bitangwa na Muganga cyangwa se n'Abategetsi bakwiye kumenyekana muli Cellule, naho abihisha mu maha y'abafite izo mpushya bakwiye guhabwa ibihano bateganilijwe.

9°- Ku byerekeye Umuganda w'abategarugoli, ubwabo bali barabyize mu nama y'umwihaliko, basanga abafite Certificat médical bakora mu biro kuko ibindi bikorwa by'amaboko nko kudoda byaburaga ibikoresho, hakavuka n'izindi ngorane zatuma bitagenda neza.

Abamilitante n'abamilitant ba cellule IMPALIRWAKURUSHA bamaze gutanga ibyo bitekerezo byabo ku kibazo cy'Umuganda basabye ko hahita hashyirwaho Komisiyo ishinzwe kwiga neza icyo kibazo, ikareba cyane cyane ubulyo bwo gukoresha Umuganda abawugiyemo bose kugira ngo batazongera kubonekamo ingwizamurongo zali zitangiye kwiyongera.
Iyo Komisiyo nirangiza imilimo yayo izashyikiliza raporo inama igizwe na Komite ya Cellule hamwe n'Abakuru b'imilimo, nyuma izagezwe mu nama ya Cellule yose izaterana ku italiki ya 29 Kanama 1980 kugira ngo hafatirwe umwanzuro ukwiranye n'ikibazo cy'Umuganda.

## II IMYANZURO YAFASHWE N'INAMA YA CELLULE ISHINGIYE KU NGINGO ZATANZWE N'INAMA YO KUWA 30 NYAKANGA 1980 NO KULI RAPORO YAKOZWE NA KOMISIYO YIZE IKIBAZO CY'UMUGANDA IBIFASHIJWEMO N'ABAKURU B'IMILIMO HAMWE NA KOMITE YA CELLULE.-

Umuyobozi w'inama, Nyakubahwa Dr.NTABOMVURA Venanti, Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative, amaze gusomera abali mu nama raporo n'ibyakozwe na Komisiyo yize ikibazo cy'Umuganda ibifashijwemo n'Abakuru b'Imilimo hamwe na Komite ya Cellule, yahise asaba abamilitante n'abamilitant ba Cellule IMPALIRWAKURUSHA gufatira hamwe imyanzuro ku kibazo cy'Umuganda cyizwe kuva mu mpera z'ukwezi kwa Nyakanga kugera mu z'ukwa Kanama 1980.

Imyanzuro yafashwe na ba militante na ba militant ba Cellule IMPALIRWAKURUSHA ku kibazo cy'Umuganda igamije cyane cyane icyatuma turushaho kuwumva, kuwukunda no kuwukorana umurava,

.../...

tuzi neza ko ingufu dutanze zihulizwa hamwe n'iz'abandi bavuka-Rwanda bose kugira ngo twubake igihugu cyacu.

IYO MYANZURO NI IYI :

1. Inama yemeje ko umukozi wese wa Leta udafite impamvu imubuza kandi yemewe n'abategetsi be agomba gukora umuganda kuko uwo munsi awuhemberwa nk'uko yali kuba yakoze mu biro.

2. Abakozi bafite impapuro zibahesha uburenganzira bwo kudakora umuganda bagomba gukora mu biro kandi bakwubahiliza amasaha y'akazi.
Impapuro zerekana ko bafite ubwo burenganzira zigomba gushyikilizwa Umuyobozi wa Komite ya Cellule.

3. Inama yasabye ko urwego rw'Ubutegetsi rushinzwe imitunganyilizwe y'Umuganda (planification de l'Umuganda) rwazajya rwakira imishinga y'ibikorwa by'Umuganda ishobora kuvuka muli cellule iyi n'iyi.

Urugero : Muli Cellule yacu twasanze hali ubwo ibikorwa bimwe bikorwa mu muganda biba bidahuje n'igihe (saison) tuba tulimo.Tuvuge nko gucukura imyobo yo guteramo ibiti ku zuba lyo mu cyi usanga bidahuje n'igihe.

Inama ya Cellule yacu yasanze hali ibindi bishobora gukorwa muli icyo gihe cy'izuba ubutegetsi buramutse bubyemeye. Ibyo bikorwa ni nk'ibi bikulikira :

- gusukura umujyi (assainir le milieu en évacuant des déchets par exemple).
- gukwiza amazi mu mujyi cyane cyane ahantu hatuwe n'imbaga nyamwinshi (robinets publics),
- n'ibindi ...

4. Kugira ngo umuganda ukorwe neza inama yasabye ko imitunganilize yawo (encadrement) izajya ikorwa nk'uko bikulikira :

- Umuganda uzajya uyoborwa n'umwe mu Bakuru b'imilimo washyizweho n'Umukuru wa Cellule ali na we umusimbuza undi igihe cyose bibaye ngombwa,
- Abakuru b'imilimo bose bagomba gufasha mugenzi wabo washyizweho n'Umukuru wa Cellule kuyobora no kwubahiliza Umuganda,

.../...

- Buli wa gatanu mbere ya saa sita, Abakuru b'imilimo bagomba gushyikiliza Umukuru wa Komite ya Cellule listi ziliho amazina y'abakozi bo muli services zabo bafite uburenganzira bwo kudakora umuganda ku munsi ukulikiraho.
- Komite ya Cellule igomba kumenya ikizakorwa mu muganda utaha hamwe n'ibikoresho ngombwa bizakenerwa maze ikabimenyesha Cellule yose hakili kare.
- Komite ya Cellule niyo ishinzwe kumenya no gushyikiliza Umukuru wa Cellule amazina y'abakozi basibye mu muganda batabifitiye uruhusa.
- Abakozi badakora umuganda batabifitiye uburenganzira bakwiye guhabwa ibihano byateganijwe n'inzego zishinzwe imitunganilize y'Umuganda.

Saa kumi n'imwe nibwo Prezida w'inama, Nyakubahwa Dr.NTABOMVURA Venanti, Ministri w'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative, yashoje imilimo y'inama ashimira abamilitante n'abamilitant ba Cellule IMPALIRWAKURUSHA kuba batanze ibitekerezo byabo nk'uko bali babifite kandi bakabitanga bagamije kubonera umuti ingorane Cellule yacu yagiye ihura nazo mu mikorere y'Umuganda. Umuyobozi w'inama yarangije yongera kwibutsa abateraniye aho ko ibitekerezo nk'ibyo bizajya byakirwa nta nkomyi igihe cyose bizajya bishyikilizwa inzego zishinzwe kubisuzuma.

<u>Umuyobozi w'inama</u>
Dr.NTABOMVURA Venanti
Ministri des Affaires Sociales
et du Mouvement Coopératif
et Président de la Cellule.

<u>Umwanditsi</u>
NGABOYAMAHINA J.Berchmans
Membre du Comité de Cellule.

REPUBLIQUE RWANDAISE

MINISTERE DES AFFAIRES SOCIALES
ET DU MOUVEMENT COOPERATIF

--------

Kigali, le 24/4/1979

N° 17/01/ 566 /79

A traiter par ..........

Date entrée : 27 AVR. 1979

N° Classement : 1420/12. P4

Nyakubahwa Bwana Prezida
wa Republika y'u Rwanda
KIGALI.

Impamvu: Kwohereza Inyandiko-mvugo y'Inama ya Cellule.

Vu le 3/5/79

Rutamuluka 30/04/79

2.5.79

Nyakubahwa Bwana Prezida,

Hamwe n'iyi baruwa, mboherereje inyandiko-mvugo y'Inama ya Cellule "IMPALIRWAKURUSHA" ya Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative yo kuwa 28 Werurwe 1979.

Mugire amahoro.

Ministri w'Imizamukire y'Abaturage
na za Koperative,
Dr. NTABOMVURA Venant.

Bimenyeshejwe :

- Bwana Sekreteri Jenerali
  wa M.R.N.D.
  KIGALI
- Bwana Ministri (BOSE)

MINIJEUNESSE

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DES AFFAIRES SOCIALES
ET DU MOUVEMENT COOPERATIF
KIGALI

Kigali, le 4 avril 1979

INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YA CELLULE YABAYE TALIKI
28 WERURWE 1979

---

Inama yahuje abakozi bagize cellule "IMPALIRWAKURUSHA" ya Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative, iyobowe n'Umukuru wayo Bwana Ministri NTABOMVURA Venant.
Inama yatangiye saa munani.

Kw'italiki ya 21 Werurwe hali habaye inama biga ibibazo byerekeye gutora abakozi bazajya bahagaralira abandi muli Ministeri y'Abakozi ba Leta n'Imilimo, biga n'ikibazo cy'amafranga agulizwa abakozi ngo biyubakire amacumbi. Icyo gihe hali ibibazo byacumbitswe n'ibindi byiyongereyeho abakozi bagiye boherereza Ministri mu twandiko nkuko yali yabibasabye.

Ibibazo byatanzwe kugira ngo byigwe.

1° Gusiba no gukererwa ku kazi by'abakozi
2° Guhererekanya no kwihutisha imilimo (za dossiers)
3° Umuganda
4° Imikoreshereze y'imodoka za Leta zahawe Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative
5° Gushima abakozi no kubazamura ku ntera.
6° Guhahira hamwe
7° Kwimuka kwa Ministeri ijya ku Kacyiru
8° Imikino
9° Abakozi ba Croix-Rouge bakorera muli Cellule IMPALIRWAKURUSHA bagahembwa na Santé Publique.

1° Gusiba no gukererwa ku kazi

Gusiba no gukererwa ku kazi ntibyemewe ku mukozi uwo ali we wese. Buli mukozi afite iminsi ya congé yagenwe na Ministeri y'Abakozi ba Leta n'Imilimo muli statut y'abakozi iyo minsi niyo umukozi aburamo ku kazi.
Icyakora hali ibizira bikomeye kandi byinshi bishobora kuboneka ku mukozi, bikamutera gusiba no gukererwa ndetse bikaba byanamutera gusaba congé y'iminsi mike.

a. Nk'uburwayi bw'umukozi, ubw'umwana we, n'umubyeyi
   - Kujya kuvuza umuntu kure, kujya mu kiruhuko ugafatirwa yo cyangwa ukabura imodoka, kugira urubanza n'ibindi.

.../...

- Muli icyo gihe umukozi ufite ikizazane ategetswe kandi n'ikinyabupfura kubimenyesha ugomba kumuha uruhushya. Izo mpamvu zikigwa bakůlikije imiterere yazo, kandi byaba ali ibikomeye bigatangirwa intanga mugabo.

Urugero: Uburwayi bubuza umukozi gukora umulimo we bigomba kwemezwa na repos médical cyangwa certificat médical aho umuntu yakwivuliza hose byaba bishobora kurenza iminsi 15. Umukozi akaba yakorerwa raporo, ikwoherezwa muli Ministeri y'Abakozi ba Leta n'Imilimo, ikibazo cyaba kirekire umukozi agasezera ku kazi.
Indi nama ishobora gufasha umukozi nuko yajya afata congé akazigama utunsi duke two kumugoboka mu gihe cy'impanuka.
- Ku byerekeye congé hali ubwo umukozi ayaka, bakamukerereza cyangwa bakamwangira, nyirukuyisaba aba yashatse kuyihuza n'ibibazo byo mu rugo.

Ibyo birashoboka iyo haliho akazi kihutirwa, aliko ibyafasha kurushaho nuko hajya hakorwa programu y'amakonji ku bakozi bose iyo programu ikubahilizwa. Ahali ubwumvikane n'ubwubahane nta ngorane ikibi n'ugukabya no kubeshya.

2° <u>Guhererekanya no kwihutisha imilimo (dossiers zo kwiga)</u>

Gukerereza dossier biterwa n'impamvu nyinshi:
- Hali ubwo itinzwa no gushaka za éléments zo kuyuzuza
- Hali ubwo dossier iba ikomeye, igomba umwanya uhagije kugira ngo irangire kandi yuzuye
- Hali ubwo dossier iba ihabwa abadashoboye kuyiga cyangwa service igomba kujyamo itumvikana.
- Hali ubwo ikererezwa no kubura imodoka yo kuyikurikirana nko gukulikirana abantu bazimiza umutungo wa za Koperative
- Ubushobozi buke bw'umukozi bukerereza dossier, yamunaniye.
- Dossier ishobora gutinda bayandika kubera ubunini, abakozi ali bake, ntabwo bagabanijwe ku bulyo buli Directeur Général igira abanditsi bayo.
  Muli Bureau Courrier et Archives bajye bandika mu gitabo kibigenewe italiki dossier yagendeyeho, ngo hazamenyekane igihe yagarukiye, ibyo bizafasha Ministri kumenya aho dossier iherereye.
  Le Chef du B.C.A. ati : Dossiers zose zigeze muli Bureau Courrier et Archives zinyura kuli Secrétaire Général na Ministri kuko bombi bagomba kumenya ibikorerwa muli za services zose za Ministeri. Ndetse Secrétaire Général niwe werekana neza, aho dossier igana na urgence bisaba, n'ubulyo igomba kwigwa. Arakomeza ati :
  - igihe habonetse dossier cyangwa ibarwa yihutirwa, iyo igitegereje kwandikwa no kunyura kwa Ministri ni ngombwa

.../...

ko tuyereka Direction Généralecyangwa umukozi bireba akabyitegura, akanakulikirana.

Bati : buli Direction Générale yagombye kugira abanditsi bayo. Le Chef du B.C.A. ati : abakozi ni bake n'amazu yo gukoreramo ntiyaboneka.-Ministri ati : gushaka abandi banditsi birashoboka aliko bizaterwa n'amafranga yahawe Ministeri muli budget y'uyu mwaka.
Abakozi batinza dossier bitewe nuko ikomeye cyangwa nta bushobozi nyirayo afite bwo kuyikora vuba, aho kuyikerereza ategetswe kubivuga, muli icyo gihe hakorwa aka groupe ko kumufasha kuyiga.
Umukozi yaba adashoboye rwose agakoreshwa ibindi nyuma agakulikiranwa agahabwa stage zibonetse, kandi umuntu wese akajya agerageza kwihugura ku bwe.
Ministri yaboneyeho n'umwanya wo kwibutsa, abakozi ko bategetswe kubahiliza inzego z'ubutegetsi.
Ntabwo byemewe ko umukozi ajyana ikibazo kwa Ministri cyangwa Secrétaire Général, uko cyaba kili kose atakinyujije kuli chef we d we direct cyane cyane ku byerekeye ama dossier y'akazi.
Iyo habonetse impamvu yatera umukozi kwibwira ko Directeur Général cyangwa Secrétaire Général atamwumva, Ministri azamwakira aliko ni byiza gusobanura ikibimuteye gusimbuka abo bose, ibyo byose bigakorwa mu muco mwiza w'ikinyabupfura nta kwiroha kandi ni ngombwa kubanza kunyura muli Bureau Courrier et Archives ikamusabira audience kugira ngo atitura ku bandi baba baganira na Ministri.

3° <u>Umuganda</u>

Umuganda n'umulimo duhemberwa nk'indi yose, umukozi ategetswe kuwukora. Impamvu zatera umukozi kubura mu muganda ni kimwe n'izamubuza gukora akandi kazi, zigomba kumenyekana zigasuzumwa ufite uruhushya rero rwo kutawukora akagira aho yandikwa, akagira intanga mugabo, nka certificat médical k'umurwayi.
Niba hali umukozi wemerewe gusiba umuganda ntabwo aba ahawe uruhushya rwo gusiba. Hali ubwo aba ashobora gukora mu biro, yubahiliza amasaha y'akazi, gutangira saa moya bagataha saa sita.
Ku byerekeye umuganda hakunda kuboneka ikibazo cy'imodoka igeza abakozi iyo bawukorera.
Ingorane z'ibyo ziturуka muli ONATRACOM, itanga bus imwe Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative igomba gusangira na Ministeri y'Ubuvuzi kandi Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative itanga amafranga yo kuliha bus yayo.
Ministri na Gestionnaire bazabikulikirana babishakire umuti.

4°. Imodoka za Leta zagenewe Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative

Izo modoka zikoreshwa nabi cyane, zikoreshwa n'abantu bamwe, kandi bakazikoresha imilimo yabo bwite mbere yo gutunganya iby'abakozi, mbese bazigize nk'izo biguliye.
Umukozi muto iyo ashatse imodoka yo kujya muli mission no gukulikirana dossier, buli gihe bavuga ko nta modoka kandi zilirwa zitwaye abakozi bamwe bakuru n'imilyango yabo mu byabo bwite.
Icyo kibazo cyagiliweho impaka nyinshi cyane. Abakozi benshi basaba ko imodoka zasùbira muli Gestion de crédits, akaba aliyo igena imilimo zikora,ikamenya n'aho ziherereye.
Ikindi gice kifuza ko biguma uko byali biteye, aliko rero ntihagire uzikoreshereza nk'aho ali ize bwite ngo abandi bazibure.
Inama yasanze icyo kibazo gikomeye, bemeza ko kizigwa mu nama y'abakuru b'imilimo.

5° <u>Kwimuka kwa Ministeri</u>

Abantu benshi birabahangayikishije cyane ababyeyi biteze ingorane nyinshi mw'iramira ly'urubyaro n'ingo kubera kutizera ubulyo bazajya bagera ku kazi banakavaho.
Kwimuka byo ni ngombwa byemejwe n'inama ya Leta. Igisigaye nugushaka imodoka zimeze neza(nka Minibus n'ama Combi) zazoroshya izo ngendo, kandi zikagira Organisation nziza kutali uko bimeze ubu.

6° Kuzamurwa ku ntera kw'abakozi bagashingwa imilimo yisumbuye.
Babajije impamvu hali abo Ministeri ishinga imilimo yisumbuye aliko ntibafatwe ku ntera bikwiranye, bigahora mu mvugo no mu mpapuro gusa.
Ministri yashubije ko Ministeri ibiteganya aliko ataliyo ibyemeza.

Umukuru wa cellule ali we wayoboraga inama yayihagalitse saa cumi n'imwe, ashimira abali mu nama ubwitonzi n'umwete basuzumanye ibyali biteganijwe. Abasezeranya kuzashaka undi munsi wo gukomeza kwiga n'ibindi bitagezweho, nka :

1. Imikino
2. Guhahira hamwe
3. Abakozi ba Croix-Rouge, bakorera muli Cellule IMPALIRWAKURUSHA kandi bahembwa na Santé Publique.

Président w'inama
Ministri w'Imizamukire
y'Abaturage na za Koperative
Dr. NTAGÉMVURA Venant.-

Umwanditsi w'inama:
NYIRAHABIMANA Pascasie.-